*Umuryango w'Abahinzi n'Aborozi bo mu Rwanda    Organisation des Agriculteurs et Eleveurs du Rwanda*
*BP 1462 Kigali , Tél 250 0788423047/0788843303; E mail :info@imbaraga.org; www.imbaraga.org.rw*

# ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABAHANZI KWITABIRA AMARUSHANWA

Umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (EWMR) ushyirwa mu bikorwa n'Ikigo gishinzwe umutungo kamere w'amazi mu Rwanda (RWB) ku bufatanye n'Ikigo mpuzamahanga kibungabunganga ibidukikije (IUCN), Umuryango w'Abaholandi wigenga ushinzwe Iterambere (SNV), Umuryango nyarwanda uharanira iterambere ry'icyaro (RWARRI), Umuryango w'Abahinzi n'Aborozi bo mu Rwanda IMBARAGA n'uturere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro na Ngororero ku nkunga y' Ambasade y'ubwami bw' Abaholandi mu Rwanda (EKN).

RWARRI ku bufatanye n' Umuryango w'Abahinzi n'Aborozi bo mu Rwanda IMBARAGA turamenyesha abahanzi b'indirimbo, ibyino n'imivugo babyifuza batuye mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Ngororero na Rutsiro ko hari amarushanwa yabateguriwe mu rwego rw'ubukangurambaga bugamije gukangurira abatuye mu cyogogo cya Sebeya kurushaho kukibungabunga, kwitabira ibikorwa by'umushinga, kubigiramo uruhare no kubifata neza.

Abifuza ibisobanuro birambuye kuri aya marushanwa, mwasura Imbuga nkoranyambaga z'Umuryango nyarwanda uharanira iterambere ry'icyaro-RWARRI n'iz' Umuryango w'Abahinzi n'Aborozi bo mu Rwanda IMBARAGA mukahasanga amabwiriza agenga iri rushanwa. Mwaduhamagara kandi kuri 0781254505 cg 0786123999.

Mushobora no kutwandikira kuri aderesi za email zikurikira: info@rwarri.com cyangwa info@imbaraga.org

Mushobora no kwegera abakangurambaga b'umushinga bakorera mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro na Ngororero bakabaha ibisobanuro byimbitse kuri aya marushanwa.

Abazitabira aya marushanwa murasabwa kohereza indirimbo n'imivugo byanyu kuri email zombi zikurikira info@rwarri.com na info@imbaraga.org bitarenze ku italiki ya 29/10/ 2021.

Gutangaza abatsinze amarushanwa bizakorwa bitarenze tariki ya 03/12/2021. Ibihembo bishimishije byateganirijwe abazitwara neza muri aya marushanwa, hakazahembwa abahanzi batanu muri buri cyiciro haba mu mivugo cyangwa indirimbo.

Bikorewe i kigali ku wa 08/10/2021

**Utanze itangazo: Umuryango w'Abahinzi n'Aborozi bo mu Rwanda "IMBARAGA"**
**GAFARANGA Joseph**
**Umunyamabanga Mukuru**

RWANDA FARMERS ORGANISATION IMBARAGA B.P 1462 KIGALI